REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N°013/07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI IGIHEMBWE CYA III/2011 - 2012 YATERANYE KU WA 05 MATA 2012

Kuri uyu wa Gatanu tariki ya **05 Mata 2012** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa tatu n'igice za mu gitondo **(09H30)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel** . Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ko Umujyanama **NYONI Lambert,** atari bwitabire inama kubera impamvu amenyesheje .Umujyanama **UTAMURIZA Christine** akaba yamenyesheje ko aribwitabire inama akerewe.Naho Umujyanama **NTABANA Yves** we akaba nta mapamvu yatanze yatumye asiba inama . Inama yitabiriwe na Honorable Député **MUKARUGEMA MANZI Alphonsine** na Honorable Député **RWAKA Pierre Claver.**

Umuyobozi w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziri busuzumwe n'Inama Njyanama:

1. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'igihembwe cya II/2011- 2012 n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama igihembwe cya II/2011- 2012
2. Raporo y'ibikorwa by'amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama igihembwe cya III/2011 - 2012
3. Raporo y'Umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya II/ 2011 – 2012 n'ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'ubugenzuzi igihembwe cya II/2011 - 2012
4. Raporo ya Komisiyo y'ubutaka mu Karere
5. Kwemeza Abakozi
6. Imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 18 jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994
7. Gushyiraho **"one stop center"**
8. Ibindi

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku ngingo ziri busuzumwe, bemeje gusuzuma n'ibi bikurikira mu ngingo ya 8 ijyanye n'Ibindi:

- Ingamba zo gufata neza imihanda
- "Poste de santé" ya BUSORO
- Imikorere y'Inama Njyanama z'Imirenge

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bafashe ibyemezo bikurikira:

Ingingo ya 1: Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'igihembwe cya

II/2011- 2012

n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama igihembwe cya II/2011- 2012

Abajyanama bamaze kungurana ibitekerezo no kuyikorera ubugororangingo bemeje inyandikomvugo y'Inama Njyanama yateranye ku wa **02 Ukuboza 2012**

Ku birebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama Njyanama igihembwe cya II/2011-2012,Abajyanama basabye ibi bikurikira:

- Ku birebana n'ikibazo cya **Dr KAYIHURA Félix** Abajyanama bashimye ko cyashyikirijwe inzego z'ubugenzacyaha basaba ko gikomeza gukurikiranwa kugirango kihutishwe
- Ku birebana na "Captation grant" Abajyanama basabye ko ubuyobozi bw'Akarere bukomeza ubuvugizi

Ingingo ya 2 : Raporo y'ibikorwa by'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama

Abajyanama bamaze kugezwaho imirimo yakozwe n'Amakomisiyo bayishimye barayemeza basaba ibi bikurikira :

- ✓ Nyuma yo kubona ko gahunda yo gutanga serivisi nziza ari gahunda ikwiye gushyirwamo ingufu, Abajyanama barasaba ubuyobozi bw'Akarere gushyiraho imirongo ngenderwaho izafasha Akarere kumenya aho gahagaze mu mitangire ya serivisi
- ✓ Abajyanama bamaze kubona ko Amakoperative adakora neza ndetse hakaba hari n'Amakoperative agikorera mu kajagari hasabwe ko yakwegerwa buri gihe akagirwa inama

Ingingo ya 3 : **Raporo y'Umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya II/ 2011 – 2012 n'ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'ubugenzuzi igihembwe cya II/2011 - 2012**

Umugenzuzi bwite w'Akarere Bwana **NYANDWI Martin** amaze kugeza ku Nama Njyanama raporo y'ubugenzuzi bwakorewe ibigo Nderabuzima n'ishyirwa mu bikorwa ry'inama zatanzwe n'Ubugenzuzi igihembwe cya **II/2011 – 2012**, bayemeje basaba ko inama zatanzwe n'ubugenzuzi zishyirwa mu bikorwa baboneraho gusaba ibi bikurikira ikurikira:

- Mu rwego rwo kunoza imikorere n'imikoranire, inzego zibishinzwe zakangurirwa gukora ubuvugizi kugirango hanozwe "Structure" n'imikorere y' Ibigo Nderabuzina n'iy'ibitaro . Abayobozi b'Ibigo Nderabuzima n'ibitaro bashakirwa amahugurwa ku micungire y'umutungo.

- Abajyanama barasaba kandi Ubuyobozi bw'ibitaro bufite inshingano zo kugenzura Ibigo Nderabuzima, gushyira ingufu mu kugenzura imikoreshereze y'umutungo wabyo

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga raporo y'Umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya **II/ 2011 – 2012**

Ingingo ya 4 : Raporo ya Komisiyo y'ubutaka mu Karere

Abajyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'ubutaka mu Karere bashimye uburyo ibibazo byinshi bashyikirijwe babishyize mu byiciro bemeza ibi bikurikira:

I. Abatuye kuri site z'imidugudu, bazabarurwa kuri Leta hategerezwe ko itegeko rivugururwa (itegeko ngenga rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda n0 08/2005 ryo ku wa 14/7/2005 mu ngingo ya ryo ya 17.)

II. Abahawe n' inama ya komini ndetse na Komite yo gutuza abantu y'icyahoze ari Perefegitura ya Gitarama :

- ✓ Abazanye ibyemezo bahereweho bazabubarurwaho ubutaka
- ✓ Abataye ibyemezo bahereweho,bakorewe icyemezo gisinywaho n'abo baherewe rimwe ,kikemezwa na komite y'umudugudu,abagize komite y'ubutaka y'akagari , n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari,bamaze kubona iki cyemezo bakabubarurwaho.
- ✓ Abataratanze icyemezo hafashwe umwanzuro ko ubutaka bakoresha bwabarurwa kuri Leta kugeza igihe bazazanira icyemezo

III. Abaguze n'abahawe n' inama ya Komini ndetse na Komite yo gutuza abantu y'icyahoze ari Perefegitura ya Gitarama:

- ✓ Basabwe kuzana ibyemezo abo baguze bahereweho n'amasezerano y'ubugure akabona kububarurwaho, abatazabitanga, ubutaka bakoresha buzaba bwanditse kuri Leta kugeza berekanye ibyemezo.

IV. Abafite ibikorwa ku butaka batijwe na Leta (amashyamba cg amakawa byatewe muri gahunda yo kubungabunga ibidukikije no kurwanya isuri:

- ✓ Ubutaka ni ubwa Leta ari nayo buzandikwaho gusa hakamenyekana igikorwa bafiteho (Ishyamba) ari nacyo bafiteho uburenganzira

- ✓ Bazakorerwa amasezerano abahesha uburenganzira bwo kuba batanga ingwate ku bikorwa byabo biriho ariko hatabariwemo ubutaka.

V. Abihaye cyangwa bahawe n'abayobozi b'icyo gihe batari babifitiye uburenganzira.

- ✓ Hazabarurwa kuri Leta ,mu gihe bagaragaje ko ari bwo bwonyine bafite bazandikira Inama Njyanama y'Akarere babusaba

Abagize Inama Njyanama y'Akarere bamaze kandi kugezwaho ikibazo cyaa Bwana **MUZATSINDA Bonaventure** n'ikibazo cya **MUGOYIKAZI Valerie** banditse basaba kuguranirwa ubutaka, hemejwe ko bazaguranirwa ubutaka mu buryo bukurikira:

- Bwana **MUZATSINDA Bonaventure** azaguranirwa ubutaka buri mu Murenge wa **RUNDA**, Akagali ka **KABAGESERA**, Umudugudu wa **KABAGESERA** ubutaka bungana na **38ares** na **37ca**

- Madame **MUGOYIKAZI Valerie** azaguranirwa ubutaka buri mu Murenge wa **KARAMA,** Akagali ka **BUNYONGA**, Umudugudu wa **RYAGASHAZA** ubutaka bungana na **12 are** na **42 ca.**

Ingingo ya 5 : Kwemeza Abakozi

- Abajyanama bamaze kugezwaho isuzumamikorere ryakorewe Abakozi bamaze amezi 6 mu kazi, Abakozi bakurikira bemejwe burundu mu kazi:
-

N^0	AMAZINA	UMURIMO AKORA	AMANOTA%
1	**NYAKUBYARA Devota**	Umunyamabanga w'umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere	80%
2	**SERUTAGOMA Gaspard**	Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka KABASHUMBA	79%
3	**MUZIGABANGA Gloriose**	Ushinzwe Iterambere mu Kagari ka MUKINGA	77%
4	**MUKANTAGENGWA Xaverine**	Ushinzwe Iterambere mu Kagari ka KAGINA	74%
5	**MUKAYISENGA Marthe**	Umukozi wa mutuelle de santé ushinzwe kugenzura inyemezabuguzi ku kigo nderabuzima cya CYERU	73%
6	**MUHOZA Alphonse**	Umukozi Ushinzwe Imicungire y'Abakozi mu Karere	78%

7	**HAKIZIMANA Philemon**	Umugenzuzi bwite w'imari mu Karere	80%
8	**MIGABO Roger**	Umukozi Ushinzwe Imiyoborere Myiza mu Karere	75%
9	**MUSAFIRI Ildephonse**	Umukozi Ushinzwe Amasoko mu Karere	78%
10	**MUKABUCYANA Leatitia**	Umubaruramari w'Ikigo cy'Ubwisungane mu kwivuza mu Karere	75%
11	**RWIZIHIRWA Innocent**	Umuyobozi w'Ibiro by'Ubutaka mu Karere	80%
12	**HASHIMWIMANA JMV**	Umukozi Ushinzwe Irangamimerere MUSAMBIRA	75%
13	**IYAMUREMYE Théophile**	Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa GACURABWENGE	78%
14	**GATSINZI Serge**	Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa RUNDA	75%
15	**MUNEZERO Edouard**	Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa NGAMBA	72%
16	**NKURUNZIZA Amiel**	Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa KAYENZI	79%
17	**NZEYIMANA Jean Claude**	Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa NYAMIYAGA	79%
18	**SIBOMANA Protais**	Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa KARAMA	80%
19	**MUKAMURAMA Claudine**	Ushinzwe Imibereho myiza mu Murenge wa MUGINA	78%
20	**KAYIRANGA Bonaventure**	Ushinzwe Imibereho myiza mu Murenge wa RUNDA	74%
21	**NYIRARUKUNDO Hyacinthe**	Ushinzwe Imibereho myiza mu Murenge wa KAYENZI	74%
22	**UWINGENEYE Claudine**	Umukozi wungirije wa Mutuelle ku kigo Nderabuzima cya Kamonyi	76%

- Kuri iyi ngingo Abajyanama bagejejweho urutonde rw'Abakozi batakiri mu kazi basaba ko bandikirwa bemererwa gusezera kwabo mu kazi. Abo Bakozi ni aba bakurikira:

N^{O}	**AMAZINA**	**ICYO YAKORAGA**	**IMPAMVU**
1	**NTURANYENABO Hubert**	Umukozi Ushinzwe Ibidukikije mu Karere	Yasezeye ku kazi.
2	**KAZIVIYA VEDASTE Dany**	Umukozi Ushinzwe Ibikorwa Remezo mu Karere	Yasezeye ku kazi.
3	**MUHIRWA Jean Bosco**	Umukozi Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa Mugina	Yasezeye ku kazi.

4	**NISHIMWE Astérie**	Umukozi Ushinzwe Uburezi mu Murenge wa Rukoma	Yasezeye ku kazi.
5	**KARIZA Jacqueline**	Umukozi Ushinzwe Imibereho Myiza mu murenge wa Musambira	Yasezeye ku kazi

- Abajyanama kandi bemeje ko Abakozi bakurikira ko bashyizwe mu myanya by'agateganyo

Nº	**AMAZINA**	**ICYO AKORA**
1	**URAMUTSE Marie Jeanne**	Umukozi Ushinzwe Uburezi mu murenge wa MUGINA
2	**MUSENGARUREMA Cyriaque**	Umukozi ugengwa n'amasezerano ushinzwe imiturire mu midugudu. (Yari yakoze ikizamini kuri Land officer aba uwa kabiri)
3	**MUSABYEMARIYA Joselyne**	Umukozi ugengwa n'amasezerano y'igihe kirekire Ushinzwe gukurikirana "Rehabilitation transit center" yari ku rutonde rw'abategereje ku mwanya w'Ushinzwe imibereho myiza mu Murenge.

- **Abakozi bakurikira bahinduriwe aho bakorera:**

Nº	**AMAZINA**	**ICYO YAKORAGA**	**AHO YIMURIWE**	**IMPAMVU**
1	**RUBAYIZA Ernest**	Umuyobozi wa GS BUBAZI	Ushinzwe Uburezi mu murenge wa RUKOMA	Kutumvikana n'abo bakorana n'uhagarariye nyir'ikigo. Yize Uburezi kandi yahoze ari umukozi w'umurenge ushinzwe imibereho myiza**.**
2	**MAZURU Innocent**	Umuyobozi wa VTC KAYENZI	Ushinzwe Imibereho myiza mu murenge wa MUSAMBIRA	Yize sociologie kandi yahoze ari umukozi w'umurenge ku rwego rumwe n'ushinzwe imibereho myiza**.** Kandi ntibyemewe kuyobora ikigo cya VTC utarize uburezi cyangwa technique.

- Abajyanama bemeje ko Bwana **MUSONERA Théoneste** wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ka **GISHYESHYE** yirukanywe burundu kubera ko yataye akazi.

Ingingo ya 6: Gushyiraho "one stop center"

Mu rwego rwo kunoza no kwihutisha serivisi zisabwa n'abaturage cyane izirebana n'ubutaka, Abajyanama bemeje **"One stop center"** mu Karere ka **KAMONYI** ikaba ifite ubuyobozi bukurikira:

EXISTING STRUCTURE	**NAMES**
Director of Land Bureau/Notary	**RWIZIHIRWA Innocent**
Secretary to Land Notary	**IRAGUHA Faustin**
Land lawyer	**NYIRANSENGIMANA Adeline**
Land Surveyor	UZABATUNGA Bertrand
Technicians (Supervise surveying, carry out site visits, expropriation, rural settlements and inspection)	**RWIZIHIRWA Innocent, UZABATUNGA Bertrand**, **GATETE Justus, MARONKO Leonce, MUTAYOMBA Papias,**
Archivists	**IRAGUHA Faustin**
Receptionist	**IRAGUHA Faustin**

Abajyanama bemeje ko imyanya ikurikira itarashakirwa Abakozi muri **"one stop center"** bashyirwamo vuba:

- **Engineer for Urban planning (1)**
- **In charge of infrastructure in District**

Ingingo ya 7: Imyiteguro yo kwibuka ku nshuro ya 18 jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994

Kuri ingingo Abajyanama bashimye gahunda yateguwe yo kwibuka ku nshuro ya 8 jenoside yakorewe Abatutsi muri **Mata 1994** barayemeza biyemeza ko buri wese azayigiramo uruhare rugaragara batanga ibiganiro mu Mirenge .

- ✓ Abajyanama bemeje ko bazasura abana bibana bo mu Murenge wa **KAYUMBU** buri Mujyanama kazatanga amafaranga ibihumbi icumi **(10000),** Abagize Komisiyo y'iterambere ry'Umugore urubyiruko , umuco na Siporo bakazanoza uburyo iki gikorwa kizagenda.

Ingingo ya 8: Ibindi

- **Ingamba zo gufata neza imihanda**

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho ingamba zo gufata neza imihanda bazemeje. Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ibikorwaremezo abari mu nama bashimye ingamba bagejejweho zo gufata neza imihanda.

Abajyanama bamaze no kungurana ibitekerezo ku mafaranga atarishyuwe abaturage bo mu Murenge wa **GACURABWENGE** ubwo bakoraga umuhanda wo mu Kagali ka **NKINGO** bakoreshwa n'umutekamutwe; Abajyanama bemeje ko icyo kibazo gishykirijwe Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko ngo izagisuzume kandi igitangeho ibitekerezo, mu rwego rwo kumenya ukuri aho kuri kugirango higwe uko abaturage bakwishyurwa. Komitee Nyobozi y'Akarere irasabwa kandi gushyira imbaraga mu gukurikirana abakoresheje abo baturage n'ababyobozi babigizemo uruhare cyangwa uburangare. Iyi ngingo ikazafatira umwanzuro wa nyuma mu nama y'Inama Njyanama mu kwezi kwa Gicurasi 2012.

- **"Poste de santé" ya BUSORO**

Abari mu nama bemeje ko hihutishwa gushyiraho abakozi.

- **Imikorere y'Inama Njyanama z'Imirenge**

Abajyanama bamaze kubona ko imikorere y'Inama Njyanama z'Imirenge itameze neza, ikibazo bagishyikirije Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko ikazabyigaho nyuma igatanga raporo mu nama y'Inama Njyanama idasanzwe iteganyijwe mu kwezi kwa Gicurasi 2012.

Inama yashoje imirimo yayo saa moya n'igice z'umugoroba **(19H30),** Umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye n'imyanzuro myiza yafatiwemo.

NIKUZE Marie Chantal **KARURANGA Emmanuel**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama Umuyobozi w'Inama Njyanama